# 168: Mbumbatiwe nawe

1.

Mbumbatiwe nawe, Yesu , Nta kizampangara, Kand' urukund' umfitiye Ni rwo runduhur' ubu.Numvis' amajwi meza Y'abatugiy' imbere; Bahora baririmba, Bashima Yesu, bati :

Ref:

Mbumbatiwe nawe,Yesu, Nta kizampangara, Kand' urukund' umfitiye ni rwo runduhur' ubu.

2.

Mbumbatiwe nawe, Yesu; Ntabwo nkiganyira. Nta cyo Satan' antwar' ubu N' amahane ye yose.Kand' amakuba na yo Ntashobora kunsinda. Ibyago by'isi byose Ntibyadutandukanya.

3.

Yesu, Buhungiro bwanjye, Yesu wamfiriye, Wowe, Rutare nshinzweho, Nzakwiringir' iteka.Nuko, njye nihangana : Dor' iri joro ribi Vuba rigiye gucya, Mpereko njye mw ijuru !

Visit us at indirimbo.com